REPUBULIKA Y'U RWANDA
URWEGO RW'UMUVUNYI

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2021-2022

Kigali, Nzeri 2021

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI UMWAKA WA 2021-2022

Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi cyane cyane mu ngingo ya 26 iteganya ko mu mezi atatu (3) ya mbere ya buri mwaka w'ingengo y'imari, Umuvunyi Mukuru ashyikiriza Perezida wa Repubulika n'Imitwe Yombi y'Inteko Ishinga Amategeko raporo y'ibikorwa by'Urwego by'umwaka w'ingengo y'imari uheruka na gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira. Iyi gahunda ikorwa ishingiye ku nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi zikurikira:

1. Gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;
2. Gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa;
3. Gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe;
4. Kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo;
5. Kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere politiki n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa;
6. Gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa;
7. Gushyikirana no gukorana n'inzego zo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga bihuje inshingano;
8. Gushyira mu bikorwa izindi nshingano rwahabwa n'itegeko.

Ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2021-2022 bizatwara ingengo y'imari ingana na miliyari ebyiri, miliyoni magana atatu

na mirongo itanu n'icyenda n'ibihumbi magana inani na mirongo icyenda na birindwi n'amafaranga magana atanu na mirongo ine n'ane **(2.359.897.544 Frw**) ikubiyemo **1.082.042.104 Frw** avuye mu Ngengo y'imari ya Leta (MINECOFIN) n'andi **1.277.855.440 Frw** avuye ku nkunga y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi (EU).

Inshingano Urwego rw'Umuvunyi ruhabwa n'itegeko zizashyirwa mu bikorwa mu buryo bukurikira:

## 1. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

Urwego rw'Umuvunyi rwahawe inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, iyo gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa n'iyo gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe. Mu gushyira mu bikorwa izo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateganyije ibikorwa biri mu byiciro 3 bikurikira:

### 1.1. GUKUMIRA AKARENGANE NA RUSWA

- Gutegura no gukora ubukangurambaga ku byiciro binyuranye by'abaturarwanda;
- Gukurikirana imikorere y'uburyo bukoreshwa (reporting channels*)* mu kwakira ibibazo by'akarengane, amakuru kuri ruswa no ku myitwarire y'abayobozi;
- Gutegura amarushanwa n'ibitaramo bitangirwamo ubutumwa;

- Gutegura ibiganiro bihuza Inzego ku rwego rw'Igihugu (National Dialogues);
- Kwizihiza umunsi Nyafurika wo kurwanya ruswa n'umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ruswa.

### 1.2. GUSUZUMA NO GUKORA IGIKWIYE KU BIBAZO BY'AKARENGANE BITAKEMUWE N'INZEGO ZIBISHINZWE

- Kwakira, gusesengura no gusaba Inzego bireba gukemura ibibazo bigaragaramo akarengane;
- Gusesengura ibibazo bijyanye no gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane;
- Kwakira no gukemura ibibazo byerekeye irangizwa ry'imanza.

### 1.3. KURWANYA RUSWA

- Kwakira, gushakisha, gukurikirana no gusesengura amakuru kuri ruswa no gushyikiriza ibyagaragaye Inzego bireba;
- Gukurikirana amakuru ya ruswa yoherejwe mu zindi Nzego.

## 2. KWAKIRA NO KUGENZURA IMENYEKANISHAMUTUNGO

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateganyije ibikorwa bikurikira:

- Kwakira no gusesengura imenyekanishamutungo ryakozwe n'Abayobozi n'abakozi bateganywa n'itegeko;

- Kwakira no kugenzura inkomoko n'imikoreshereze y'umutungo w'Imitwe ya Politiki.

3. **KUGIRA INAMA GUVERINOMA MU GUSHYIRAHO NO GUTEZA IMBERE POLITIKI N'INGAMBA BYO GUKUMIRA, KURWANYA NO GUHANA AKARENGANE NA RUSWA**

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateganyije ibikorwa bikurikira:

- Gukora ubugenzuzi ku mikorere y'Inzego;
- Gukora Isuzumamikorere ry'Imishinga ya Leta;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe.

4. **GUKURIKIRANA UKO POLITIKI N'INGAMBA BYO GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA BISHYIRWA MU BIKORWA**

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateganyije ibikorwa bikurikira:

- Kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 3 y'Itegeko n° 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa isaba inzego zose gushyiraho no gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira ruswa;
- Guhuza ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Igihugu;
- Gukurikirana imikorere y'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa mu Nzego z'Ibanze.

## 5. GUSHYIKIRANA NO GUKORANA N'INZEGO ZO KU RWEGO RW'AKARERE NO KU RWEGO MPUZAMAHANGA BIHUJE INSHINGANO

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateganyije ibikorwa bikurikira:

- Gukomeza gukorana n'Imiryango Mpuzamahanga yo kurwanya ruswa;
- Gukora isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ruswa.

## 6. GUSHYIRA MU BIKORWA IZINDI NSHINGANO RUHABWA N'ITEGEKO

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateganyije ibikorwa bikurikira:

- Gukurikirana iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'Abayobozi;
- Kwakira, gusesengura no gukurikirana amakuru yatanzwe ku myitwarire y'abayobozi no gutanga inama.

## 7. GUHUZA IBIKORWA NO GUCUNGA ABAKOZI, IMARI N'UMUTUNGO BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022, mu guhuza no gucunga neza ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi, hateganyijwe ibi bikurikira:

- Gucunga no gukoresha neza umutungo n'ingengo y'imari;
- Gucunga neza abakozi;
- Gukoresha ikoranabuhanga (ICT);
- Guhuza ibikorwa by'Ubushakashatsi.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza Intego Urwego rw'Umuvunyi rwihaye kugeraho mu mwaka wa 2021-2022, ibikorwa biteganyijwe kuzakorwa, igihe bizakorerwa, ingengo y'imari bizatwara n'aho izaturuka.

**IMBONERAHAMWE ISOBANURA IBIKORWA BITEGANYIJWE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI YA 2021-2022**

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| **1. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA**[1] | | | | |
| **1.1. GUKUMIRA AKARENGANE NA RUSWA** | | | | |
| Gutegura no guhugura abanyeshuri bo muri Kaminuza ku myitwarire myiza y'Abayobozi | Umubare w'abanyeshuri bazitabira amahugurwa | 2000 | **25.543.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutegura no guhugura abanyamakuru ku bubi bwa ruswa n'uruhare rwabo mu kuyirwanya | Umubare w'abanyamakuru bazitabira amahugurwa | 100 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

[1] Hakubiyemo inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, iyo gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa n'iyo Gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
| --- | --- | --- | --- | --- |
| Gutegura no guhugura Abunzi bo mu Turere 10 ku bubi bwa ruswa n'uruhare rwabo mu kuyirwanya | Umubare w'abunzi bazitabira amahugurwa | 1000 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Gutegura no guhugura abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge (SACACI) bo mu Turere 10 ku bubi bwa ruswa n'uruhare rwabo mu kuyirwanya | Umubare w'abanyamuryango ba SACACI bo mu Turere 10 bazitabira amahugurwa | 500 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Gutegura no guhugura abanoteri b'ubutaka bo mu Mirenge | Umubare w'abazitabira amahugurwa | 300 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| n'abagenzuzi b'imyubakire mu Turere 10 ku bubi bwa ruswa n'uruhare rwabo mu kuyirwanya | | | | |
| Gutegura no guhugura abanyamuryango ba Komite za "Anti-Corruption" mu Turere 10 ku bubi bwa ruswa n'uruhare rwabo mu kuyirwanya | Umubare w'Abanyamuryango bazitabira amahugurwa | 500 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutegura no gutanga ibiganiro ku ndangagaciro ziteza imbere imyitwarire myiza y'abayobozi ku byiciro | Ijanisha ry'abazitabira ibiganiro kuri buri cyiciro | 100% y'ibyiciro bizahabwa ibiganiro | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| bikurikira:<br>- Abayobozi n'Abavuga rikumvikana bo mu Nzego z'Ibanze (ku rwego rw'Akarere);<br>- Abayobozi bakimara gutorwa;<br>- Abasirikare n'Abapolisi mu mashuri yabo atandukanye (RDF Peace Academy, Gako, Gabiro, RNP College, Gishari, etc);<br>- *Forums* z'abayobozi zitegurwa na | | | | |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| MINECOFIN, MIFOTRA, MINALOC; ITORERO ry'Igihugu, RDRC. | | | | |
| Gutegura no kwizihiza Icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa (anti-corruption week) | % ry'ibikorwa bizakorwa | 100% y'ibikorwa byateguwe bizakorwa | **26.181.000 EU** | Nzeri – Ukuboza 2021 |
| Kwizihiza Umunsi Nyafurika wo kurwanya ruswa (African Anti-corruption day) | % ry'ibikorwa bizakorwa | 100% y'ibikorwa byateguwe bizakorwa | | Nyakanga - Kanama 2021 |
| Gukora ubukangurambaga mu baturage binyuze muri Gahunda yo kurwanya | - Umubare w'Uturere tuzakorerwamo gahunda yo kurwanya akarengane | - Uturere 15<br>- Amashuri 48 | **56.893.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| akarengane (anti-injustice campaigns) no mu banyeshuri bo mu mashuri yisumbuye | - Umubare w'amashuri azakorerwamo igikorwa | | | |
| Gutegura Inama y'Igihugu y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa (National anti-corruption youth congress) | Umubare w'urubyiruko ruzitabira igikorwa | Urubyiruko 150 | **700.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutegura icyumweru cyihariye cyahariwe ubunyangamugayo (Special Integrity week) | Umubare w'Intara zizakorerwamo igikorwa | Intara 1 | **8.013.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutegura ikiganiro ku mitangire y'amasoko ya Leta n'imyishyurire mu bigo bya Leta (National | Umubare w'abazitabira ikiganiro | Abantu 100 | **600.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| Dialogue on Corruption in Public tender and payment of public institutions) | | | | |
| Gutegura ikiganiro kuri ruswa igaragara muri serivisi z'ubutaka (National Dialogue on corruption in Land Services) | Umubare w'abazitabira ikiganiro | Abantu 150 | **700.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutegura amarushanwa 2 y'abanyamakuru ku nkuru zivuga kuri ruswa zatangajwe | Umubare w'abazahembwa | Abanyamakuru 30 (15 kuri buri rushanwa) | **39.401.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gukurikirana imitegurire y'imikino y'ikinamico zikinirwa mu ruhame | Umubare w'ikinamico zateguwe | Ikinamico 24 | **42.636.440 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| (drama performance within the community) | | | | |
| Gutegura igikorwa cy'ubukangurambaga bunyuze mu muziki (mobilisation with music performance shows) | Umubare wa *Performance* zateguwe | 12 *Performances* | **35.034.000 EU** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Guhugura abanyamuryango ba za "anti -corruption clubs" ku bubi bwa ruswa n'uruhare rwabo mu kuyirwanya | Umubare wa *clubs* zizahugurwa | 30 *clubs* | **500.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Gutegura no gukurikirana ibikorwa by'ubukangurambaga | Umubare w'ibiganiro (TV *Talk Shows)* bizakorwa | 3 TV *Talk Shows* | **73.175.000 EU** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| hifashishijwe itangazamakuru | Umubare w'ibiganiro *(Radio Talk shows)* bizanyuzwa kuri Radiyo 15 | 3 *Radio Live Talk shows* | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Umubare w'ibiganiro bya buri kwezi binyuzwa kuri radiyo z'abaturage (Monthly radio talk show on Community radios) bizatangwa | Ibiganiro 12 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Umubare w'ibiganiro binyuzwa kuri radiyo buri cyumweru (Pre-recorded Programs on radio) | 52 *Radio Pre-recorded Programs* | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Umubare w'ubutumwa bwamamaza buzanyuzwa kuri radiyo (Radio Spots) | 4 *Radio Spots* | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| | Umubare w'ubutumwa bwamamaza buzanyuzwa kuri televiziyo (TV Spots) | 4 *TV Spots* | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Umubare w'ubutumwa buzategurwa (Broadcasting of Radio spot /airtime) | 4 *Spots Broadcasted* | | |
| | Umubare w'inkuru (Articles) zizatangazwa | Inkuru 4 | | |
| | Umubare w'amatangazo azakorwa | Amatangazo 4 | | |
| Gukora Filimi mbarankuru (Documentary) y'ibikorwa bitandukanye | Umubare wa filimi zizategurwa | Filimi 2 | **5.700.000 EU** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Gukoresha no gutanga ibikoresho biriho | Umubare wa *stickers* zizatangwa | 30,000 *stickers* | **44.000.000 EU** | Nyakanga 2021- |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| ubutumwa bukangurira abaturage kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa (Promotional materials) | Umubare w'Umuvunyi Magazine zizakoreshwa | Umuvunyi Magazine 12,000 | | Kamena 2022 |
| | Umubare w'imipira ya siporo (Jersey) izatangwa | Imipira 1.000 | | |
| | Umubare wa *banners* zizategurwa | 5 banners | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Umubare wa *Pull Ups* zizategurwa | 8 Pull Ups | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Umubare w'ubutumwa buzashyirwa ku byapa (Billboards) | Ubutumwa 4 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Gukurikirana imitegurire y'ikinamico y'urukurikirane | Umubare wa "radio drama" zizategurwa | 50 *radio drama* | **74.316.000 EU** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| ikubiyemo ubutumwa bwo kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa (Radio soap opera on the Ombudsman's instutional missions*)* | | | | |
| Gukurikirana imikorere y'uburyo bukoreshwa (reporting channels*)* mu kwakira ibibazo by'akarengane, amakuru kuri ruswa no ku myitwarire y'abayobozi | Umubare wa raporo zakozwe ku micungire ya ***reporting channels***: *Front Office, Cybercafés, e-complaint, Call center* n'udusanduku tw'ibitekerezo | *Front Office:* Raporo 52 *Cyber cafés 5:* Raporo 12 *E-complaint:* Raporo 52 *Call center:* Raporo 52 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| | | Udusanduku 60:<br>Raporo 4 | | |
| Kongerera imbaraga *Cyber cafés* zashinzwe n'Urwego rw'Umuvunyi zakira ibibazo by'akarengane | Umubare wa *Cyber cafés* zahuguwe zikanahabwa ibikenerwa mu mikorere yazo | *Cyber Cafés* 5 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Gukurikirana imikorere ya *Cyber cafés 5* | Umubare wa raporo z'ukwezi zizatangwa | Raporo 60 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| **1.2. GUSUZUMA NO GUKORA IGIKWIYE KU BIBAZO BY'AKARENGANE BITAKEMUWE N'INZEGO ZIBISHINZWE** | | | | |
| Kwakira, gusesengura no gusaba Inzego bireba gukemura ibibazo bigaragaramo akarengane | Ijanisha (%) ry'ibibazo bizakurikiranwa | 90% | **402.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi | | | | |
| Kwakira no gukemura ibibazo by'akarengane mu ruhame mu Nteko z'Abaturage *(Anti-Injustice Campaign)* | Ijanisha (%) ry'ibibazo bizakirwa mu Turere 15 twakorewe *Anti-Injustice Campaign* bigafatirwa umwanzuro | 90% | **65.840.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafashwe ku bibazo byakurikiranywe | Ijanisha (%) ry'imyanzuro izakurikiranwa | 90% | **504.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gusesengura imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane | Ijanisha (%) ry'ibibazo bizakirwa bikanasesengurwa | 90% | **1.002.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| Gusuzuma ibibazo bijyanye no kurangiza imanza | Ijanisha (%) ry'ibibazo bizakirwa bikanasesengurwa | 90% | **1.002.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| **1.3. KURWANYA RUSWA** | | | | |
| Kwakira, gushakisha, gukurikirana no gusesengura amakuru kuri ruswa no gushyikiriza ibyagaragaye inzego bireba | Ijanisha rya dosiye zerekeye ruswa zizakurikiranwa zikanakorerwa isesengurwa | 90% | **2.508.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gukurikirana (follow up) amakuru ya ruswa yoherejwe mu Nzego | Ijanisha rya raporo ku bibazo bizakurikiranwa | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| **2. KWAKIRA NO KUGENZURA IMENYEKANISHAMUTUNGO** | | | | |
| Kwakira imenyekanishamutungo ry'Abayobozi n'Abakozi bateganywa n'itegeko | Ijanisha (%) ry'Abayobozi n'abandi barebwa n'itegeko bazamenyekanisha imitungo yabo. | 99% | **502.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Kugenzura imenyekanishamutungo ryakozwe n'Abayobozi n'Abakozi bateganywa n'itegeko | Umubare w'abazakorerwa igenzura ry'umutungo kugira ngo hamenyekane inkomoko yawo | Abantu 3000 | **1.001.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Kwakira ibitabo by'umutungo w'Imitwe ya Politiki | Ijanisha (%) ry'Imitwe ya Politiki yemewe gukorera mu Gihugu izagaragaza imitungo yayo | 100% | **1.002.000 MINECOFIN** | Nyakanga – Nzeri 2021 |
| Kugenzura uko umutungo w'Imitwe ya Politiki | Ijanisha (%) ry'Imitwe ya Politiki izagenzurwa | 100% | | Ukwakira 2021- Mata |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| wabonetse n'uko wakoreshejwe | | | | 2022 |
| **3. KUGIRA INAMA GUVERINOMA MU GUSHYIRAHO NO GUTEZA IMBERE POLITIKI N'INGAMBA BYO GUKUMIRA, KURWANYA NO GUHANA AKARENGANE NA RUSWA** | | | | |
| Gukora igenzura ku mitungo ya Leta idakoreshwa (Idle assets) | Umubare w'Uturere tuzasurwa | Uturere 15 | **35.388.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gukora igenzura ku mitangire y'ibyangombwa byo gucukura nu gucunga kariyeri; igenzura ku micungire y'ibishingwe n'igenzura ku mitangire n'imikoreshereze y'ibishanga (Mining, waste management and mashland use) | Umubare w'Uturere tuzasurwa | Uturere 10 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

## Gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi 2021-2022

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| Gusuzuma umushinga wo kubaka amashuri (School construction project) | Umubare w'Uturere tuzasurwa | Uturere 10 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gusuzuma imikorere y'Inzego za Leta n'izigenga | Umubare w'Ibigo bizasuzumwa | 2 | **1.002.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gusuzuma imikorere y'imishinga ya Leta | Umubare w'imishinga izasuzumwa | 1 | **1.000.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi | Ijanisha ry'ibigo bizakurikiranwa uko byashyize mu bikorwa inama byahawe | 95% | **500.000** | Nyakanga 2020- Kamena 2021 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| **4. GUKURIKIRANA UKO POLITIKI N'INGAMBA BYO GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA BISHYIRWA MU BIKORWA** | | | | |
| Kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa | Umubare w'Inzego zizatanga raporo buri gihembwe igaragaza uko zishyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ruswa | Inzego 12 | **500.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Ingingo ya 3 y'Itegeko n° 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa isaba inzego zose gushyiraho no gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira ruswa. | Umubare w'Inzego zizagaragaza ingamba zashyizeho mu gukumira ruswa n'uburyo zashyizwe mu bikorwa | Inzego 25 | **500.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| Gutegura buri gihembwe inama z'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane (NACACI) | Umubare w'inama z'Inama Ngishwanama yo Kurwaynya Ruswa n'Akarengane (NACACI) zizategurwa | Inama 4 | **500.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutegura no guhuza ibikorwa by'Akanama ka Tekinike k' Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane | Umubare w'inama z'Akanama ka Tekinike (*Technical Committee)* k'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane zizategurwa | Inama 4 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gukurikirana imikorere y' Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane mu Nzego z'Ibanze | Umubare w'Uturere tuzatanga raporo zigaragaza imikorere y'Inama Ngishwanama zo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ku Nzego z'Ibanze | Uturere 30 | **500.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| **5. GUSHYIKIRANA NO GUKORANA N'INZEGO ZO KU RWEGO RW'AKARERE NO KU RWEGO MPUZAMAHANGA BIHUJE INSHINGANO** | | | | |
| Gukomeza gukorana n'Imiryango Mpuzamahanga yo kurwanya ruswa | Umubare w'Imiryango Mpuzamahanga | AOMA; EAAACA; UNODC; *Commonwealth Africa; African Union* | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Kurangiza isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ruswa | Umubare w'amasezerano azasuzumwa | Amasezerano ya UNCAC | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| **6. GUSHYIRA MU BIKORWA IZINDI NSHINGANO RWAHABWA N'ITEGEKO** | | | | |
| Gukurikirana iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'Abayobozi | Umubare w'abayobozi bazakorerwa isuzuma | Abayobozi 100 | **1.000.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Kwakira, gusuzuma no gukurikirana amakuru yatanzwe ku myitwarire y'abayobozi no gutanga inama | Ijanisha ry'amakuru azakirwa agakorerwa ubusesenguzi | 85% | **1.000.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| **7. GUHUZA IBIKORWA NO GUCUNGA ABAKOZI, IMARI N'UMUTUNGO BY'URWEGO RW'UMUVUNYI** | | | | |
| **7.1. Gucunga neza ingengo y'imari** | | | | |
| Kugura no kwishyura | Ijanisha ry'ibikoresho na | 95% | | Nyakanga |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| ibikoresho na serivisi bikenewe mu mikorere y'Ikigo | serivisi byaguriwe ku gihe | | **346.297.695 MINECOFIN** | 2021-Kamena 2022 |
| Gutegura, gukoresha no gutanga raporo by'Ingengo y'imari y'Ikigo | Raporo y'ingengo y'imari ya 2022-2023 yateguwe ikanatangirwa ku gihe | 1 raporo | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | % ry'ingengo y'imari izakoreshwa ku gihe | 95% | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Umubare wa raporo zizakorwa zikanatangirwa ku gihe (financial reports prepared based on PFM standards) | Buri kwezi (12) n'imwe ku mwaka (annual financial statements) | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| Gucunga neza ibikoresho by'ikigo (Office logistics) | Igitabo kigaragaza umutungo w'ikigo | 1 | | Nyakanga 2021- |

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| | kizategurirwa ku gihe (Asset register 2020-2021) | | | Kamena 2022 |
| | Ijanisha ry'abakozi bazoroherezwa ingendo bagahabwa imodoka ku gihe (transport facilities) | 90% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Ijanisha ry'abakozi bazabonera ku gihe ibikoresho basabye | 95% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Ijanisha rya serivisi zikenewe zijyanye no gusana inyubako (*building maintenance)* zizatangwa | 90% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| **7.2. Kwakira abagana Urwego rw'Umuvunyi (Customers care) & Ubunyamabanga** | | | | |
| Kwakira no kuyobora abagana Urwego rw'Umuvunyi (Customers care & Call Center) | Ijanisha ry'abagana Urwego rw'Umuvunyi bazakirwa neza kandi ku gihe binyuze muri kuri *call-center* | 95 % | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Ijanisha ry'abagana Urwego rw'Umuvunyi bazakirwa neza bakanayoborwa | 100% | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Ikigereranyo cy'abagana Urwego rw'Umuvunyi binubira uburyo bakiriwe (% of complaints per 100 clients) | 5 % *complaints* | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| | Raporo z'imicungire y'uburyo bwashyizweho bwo gupima uburyo abagana Urwego rw'Umuvunyi banyuzwe na serivisi bahawe | Raporo za buri gihembwe za:<br>- *Boxes suggestions*<br>- *Telephone number of supervisors*<br>- *Call Center* | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| Ibikorwa by'ubunyamabanga bw'ikigo: Kwakira, kohereza, kuyobora no gutanga inzandiko | % ry'inyandiko zinjira n'izisohoka zizashyikirizwa abo bireba | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Ibikorwa by'ubunyamabanga bwa DAF:<br>Kwakira no gutanga inyemezabuguzi kuri DAF, gutegura amabaruwa, gutanga ibyangombwa by'imari n'izindi nzandiko, gutegura raporo ya buri kwezi ya RPPA | % ry'ibikorwa bizakorwa neza | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| Gusohoza inshingano za *Administrative assistance* | % ry'inzandiko zizategurwa zikanabikwa neza | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % ry'inama zizategurwa zikanakorerwa raporo ku gihe | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % ry'abashyitsi bazakirwa bakanayoborwa | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % rya *appointments* zizategurwa zikanakorwa | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gucunga isomero ry'ikigo, inyandiko hamwe n'ububiko bwazo | % ry'inyemezabuguzi bw'ibitabo bikenewe byagaragajwe | 80% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| | % ry'ibitabo bizakirwa n'ibizatangwa | 100% ry'ibitabo byinjiye 100% ry'ibitabo bikenewe bizatangwa | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % rya dosiye (PFIU &CJRU) zizacungwa kandi zikanabikwa neza | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % rya dosiye (PFIU &CJRU) zizavugururwa (updated) | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| **7.3. Gucunga neza abakozi** | | | | |
| Ibikorwa byo gucunga abakozi: kwishyura | % ry'ibikorwa byo kongera ubushobozi | 85% | **78.569.000 EU** | Nyakanga 2021- |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| umushahara w'abakozi, gushaka abakozi, kongerera ubushobozi abakozi, gutegura imihigo no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ryayo | bizashyirwa mu bikorwa | | | Kamena 2022 |
| | Gushyira abakozi mu myanya y'imirimo | Abakozi 11 | **5.000.000 MINECOFIN** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Umubare w'amezi y'imishahara azategurirwa ku gihe | 12 | **715.819.409 MINECOFIN** | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Ijanisha ry'imihigo y'ikigo izacungwa neza | 100% ry'abakozi b'Ikigo basinye imihigo | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | | 100% ry'abakozi bakorewe | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| | | igenzura ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo basinye | | |
| **7.4. Amasoko & Ubujyanama & Igenamigambi & Ubugenzuzi** | | | | |
| Gutegura no gutanga amasoko | Inyandiko ya gahunda y'amasoko azatangwa muri 2021-2022 | Gahunda y'amasoko 2021-2022 (Procurement plan) | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Ikigereranyo cy'amasoko yateguwe akanatangirwa ku gihe | 95 % | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| | Raporo y'imitangire y'amasoko yateguwe ikanatangirwa ku gihe | Raporo 12 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| Gutanga inama mu by'amategeko | Ijanisha ry'ibibazo hamwe n'inyandiko bijyanye no gutanga amasoko bizasuzumwa bigatangwaho inama. | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Ikigereranyo cy'ibitekerezo bizatangwa ku ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko ku byemezo bifitanye isano n'abakozi no ku bindi byemezo byose by'ubuyobozi kimwe no ku bindi bibazo byose by'amategeko | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| | % ry'inama azitabira ahagarariye ikigo ndetse agatangamo ibitekerezo mu by'amategeko | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutanga inama no gutegura ibikorwa bya buri munsi by'Umuvunyi Mukuru | % ry'abashyitsi bazitegurwa bakanakirwa neza | 100 % | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Umubare wa *press releases* zizategurwa | 3 *Press releases* | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % ry'inama z'Abavunyi zizakorwa hagakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa by'imyanzuro yavuyemo | 90% by'inama z'Abavunyi zabaye | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % rya dosiye zizasabwa gukurikiranwa zigakorwa | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| Imirimo y'Igenamigambi, Isuzuma na Raporo (Planning, Monitoring & Evaluation and Reporting) | % rya gahunda z'ibikorwa by'Ikigo zizakorwa zikanatangirwa ku gihe | 100 % (Annual Action Plan, Operational Plan, Single Action Plan,) | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | % rya raporo z'isuzuma zizakorwa zikanatangirwa igihe | 100% | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Gutegura no gukora ubugenzuzi bw'imbere mu kigo | Gahunda y'umwaka y'ubugenzuzi ya 2022-2023 yateguwe kandi igatangirwa ku gihe | Gahunda y'ubugenzuzi ya 2022-2023 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| | Umubare wa raporo z'ubugenzuzi za buri gihembwe zizakorwa zikanatangirwa ku gihe | Raporo 4 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| | Umubare wa raporo za buri gihembwe zizakorwa ku gihe zigaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe (Issue tracking reports). | Raporo 4 | | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| **7.5. Gukoresha ikoranabuhanga (ICT)** | | | | |
| Kuvugurura sisitemu yo gucunga inyandiko n'amakuru mu Urwego | EDRMS ivuguruwe | 1 | **103.486.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| rw'Umuvunyi (Electronic Document and Records Management System/ EDRMS) | | | | |
| Kuvugurura sisitemu y'imenyekanishamutungo (ODAS) ikoreshwa n'Urwego rw'Umuvunyi ihurijwe hamwe n'iz'izindi Nzego: RDB, RRA, NIDA, RLMUA, MIFOTRA, Banki, CRB na NIDA | ODAS ivuguruwe | 1 | **237.575.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Kugura ibikoresho byifashishwa mu ifatwa ry'amajwi (Audio Recording equipment) | Umubare w'ibikoresho byifashishwa mu ifatwa ry'amajwi bizagurwa | 1 *package* | **4.475.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| Kugurira abakozi mudasobwa (*laptops for the offiice staff*) n'udukapu twazo | Umubare wa mudasobwa zizagurwa | 69 | **83.485.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| Kugurira abakozi *internet connection* | Umubare w'abakozi bazahabwa *internet connection* | 65 | **19.500.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |
| **7.6. Guhuza ibikorwa by'Ubushakashatsi** | | | | |
| Gutegura no gukurikirana ibikorwa by'ubushakashatsi | Umubare w'ubushakashatsi bwerekeye gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane buzakorwa:<br>- *Baseline study on form of injustice and strategies for prevention in Rwanda;* | 6 | **216.645.000 EU** | Nyakanga 2021- Kamena 2022 |

| Igikorwa giteganyijwe | Ibipimo ngenderwaho (Indicator) | Intego (Target) 2021-2022 | Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka | Ingengabihe |
|---|---|---|---|---|
| | - *The role of asset declaration in fighting corruption and promoting integrity;*<br>- *Corruption risks in decentralised entities from districts to village;*<br>- *Study on corruption risks and business integrity in private Sector;*<br>- *Study on Land disputes in Rwanda*<br>- *Study on corruption risks in public procurement management.* | | | |

| **Igikorwa giteganyijwe** | **Ibipimo ngenderwaho (Indicator)** | **Intego (Target) 2021-2022** | **Ingengo y'imari (Frw) n'aho izaturuka** | **Ingengabihe** |
|---|---|---|---|---|
| Gutegura "*Ombudsman Communication Strategy*" | Inyandiko ya *Ombudsman Communication Strategy* izakorwa | 1 | | Nyakanga 2021-Kamena 2022 |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA YOSE (FRW) NI 2.359.897.544 (MINECOFIN: 1.082.042.104 + EU PROJECT: 1.277.855.440)** | | | | |